## UBWUGAMO BW'UMUGARU (BIBILIYA NI RYO TEGEKO RYO KWIZERA KWACU)

Yohana 12:24-30

Ibyahishuwe 6:12-17

Matayo 7:24-27

Matayo 25:1-13

2Timoteyo 3:15-17

1Timoteyo 6:3-5

Yosuwa 1:7-9

**Review and Herald, 28/01/1890**

"Bibiliya kandi Bibiliya yonyine, ni ryo tegeko rukumbi ryo kwizera kwacu n'ibyo dukora; kandi buri gitekerezo cyose cyigishijwe gikwiriye kugeragereshwa kandi kigafatirwa umwanzuro n'iryo Jambo. Nta n'umwe ukwiriye kumva ko agomba kwemera ihame iryo ari ryo ryose bitewe gusa nuko ryagaragaye mu byigisho by'ishuri ryo ku Isabato. Igihe abigishwa ba Bibiliya babonyemo ingingo idahuza n'Ibyanditswe, ntabwo ari amahirwe gusa ahubwo ni inshingano yabo kwanga ibyo bintu nta gutindiganya cyangwa kwifata."

**The 1888 Ellen G. White Materials, p.570-575**

"Mu gihe cya Kristo Abanditsi n'Abafarisayo bacukumburaga mu Byanditswe. Ariko basobanuraga ibyo basomaga mu buryo bushyigikira imihango yabo. Nubwo batahuzaga ku ngingo nyinshi, hari ingingo imwe bahurizagaho: kurwanya Kristo. No muri iki gihe birasa nk'aho abantu bihurije hamwe ngo bahindure ubusa ubutumwa Uwiteka yohereje. Bahindura ubusobanuro bw'Ijambo ry'Imana ngo buhuze n'ibitekerezo byabo bwite. Imana ifitanye intambara n'abo bose bageranjura Ibyanditswe, kugira ngo bihuze n'ibitekerezo basanzwe barimitse muri bo."

**Inama Zigirwa Itorero, p.72** (Ingeri ya 2023)

"Wabasha kumenya ute ko wemewe n"Imana? ***Jya wiga ijambo ryayo usenga***. Ntukaribike ngo ugire ikindi gitabo usoma cyose. Icyo gitabo cyemeza umuntu icyaha. Gihishura inzira y'agakiza cyeruye. Gitera umuntu kurabukwa ingororano irabagirana kandi y'ubwiza. Kiguhishurira Umukiza ushyitse, kandi kikakwigisha yuko mu mbabazi ze gusa zitagira uko zingana ari ho ubasha gutega guhabwa agakiza."

Soma Yohana 5:24

**Inama Zigirwa Itorero, p.490-491**

"Satani yiringiye gushora ubwoko bw'Imana bwasigaye mu kurimbura rusange kugiye kuba ku isi. Mu gihe kugaruka kwa Kristo kugenda kwegereza, Satani azarushaho kumaramaza no gufata

icyemezo kidakuka mu muhati we wo kubarimbura. Hazahaguruka abagabo n'abagore bavuga ko bafite umucyo mushya cyangwa se bafite uguhishurirwa gushya nyamara umugambi wabo ari uguhungabanya ukwizera [ubwoko bw'Imana] bwari bufite mu bimenyetso biranga inzira za kera. Inyigisho zabo ntizizihanganira gupimishwa ijambo ry'Imana, nyamara abantu benshi bazashukwa. Hazakwirakwizwa amakuru y'ibinyoma, kandi bamwe bazafatwa muri uyu mutego. Bazizera ibyo bihuha maze nabo babisubiremo, maze muri ubwo buryo habeho kwifatanya n'umushukanyi gica.

Ntabwo uyu mwuka iteka uzagaragazwa uhinyura mu buryo bweruye ubutumwa Imana yohereza, ahubwo ukutizera gushinze imizi kugaragazwa mu nzira nyinshi. Amagambo yose y'ikinyoma avugwa agaburira kandi agaha imbaraga uku kutizera, bityo binyuze muri ubu buryo, abantu benshi bazayobywa bajyanwe mu cyerekezo gipfuye. Dukwiriye kuba maso cyane tukirinda ubuyobe n'ikinyoma icyo ari cyo cyose kuko Satani ahora ashaka gukura abantu mu kuri."

**Inama Zigirwa Itorero, p.122**

"Ibihamya byanditswe ntibitanga umucyo mushya, ahubwo bishimangira mu mutima rwose ukuri kw" Imana kwamaze guhishurwa. Icyo umuntu akwiriye gukorera Imana n'icy'akwiriye gukorera mugenzi we cyasobanuriwe neza mu ijambo ry'Imana, nyamara kandi bakeya bo muri mwe ni bo bumvira uwo mucyo bahawe. Nta kundi kuri kuvugwa; ahubwo mu "Bihamya" ni mo Imana yasobanuriye ukuri gukomeye kwamaze gutangwa maze igushyira imbere y'abantu mu buryo bwayo yatoranyije kugira ngo ibakangure kandi ikubatere mu bwenge, badasigara bafite urwitwazo. "***Ibihamya***" ntibikwiriye gutesha Ijambo ry'Imana agaciro, ahubwo bikwiriye kurihesha ikuzo. bigatuma abantu barikunda, kugira ngo ipica nziza y' ukuri kutarangwa no kwishyira hejuru inyure bose.

Umwuka ntiyatangiwe kandi ntabasha gutangirwa gukuraho Bibliya; kuko Ibyanditswe Byera bivuga byeruye yuko Ijambo ry'Imana ari urugero inyigisho zose n'ibikorwa byose bikwiriye kugeragerezwaho... Yesaya avuga yeruye ati "Nimusange amategeko n' ibihamya! Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira." (Yesaya 8:20).

Mwene Data kanaka... yashobora gutera urujijo agerageje kwerekana ko umucyo Imana yatangiye mu "***Bihamya***" ari uwongerewe ku ijambo ry'Imana, ariko kuvuga atyo ni ibinyoma."